

ITEKA RYA MINISITIRI N° 20/15 RYO KUWA 03/05/2005 RIGENA IBYANGOMBWA BISABWA MU GUFUNGURA, GUKOresha NO KWIMURA FARUMASI IGENEWE KUDANDA ZA IMITI N'INZU ICURURIZWAMO IMITI

Minisitiri w'Ubuzima,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120, igika cya mbere, iya 121, 1° n'ya 201 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 12/99 ryo kuwa 02 Nyakanga 1999 ryerekeye ubuhanga mu by'imiti, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 8, iya 12 n'ya 102 igika cya 2 ;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 26 Mutarama 2005 imaze kubisuzuma no kubyemeza ;

ATEGETSE :

UMUTWE WA MBERE : INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere :

Farumasi igenewe kudandaza imiti ni ikigo, mu ruhare runini rwacyo, gikora imirimo yo guha abarwayi imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi, gutegura, kubika no kugenzura imiterere yabyo.

Ingingo ya 2 :

Inzu icururizwamo imiti ni ahantu hose hakorerwa imirimo ijyanye n'iby'ubuhanga mu by'imiti ariko igarukira ku kubika no kudandaza imiti imwe n'imwe n'ibindi bintu ngomba ubuhanga mu bya farumasi urutonde rwabyo rukaba rugenwa na Minisitiri ufite Ubuzima mu nshingano ze.

UMUTWE WA II : IBISABWA KUGIRA NGO HAFUNGURWE FARUMASI N'INZU ICURURIZWAMO IMITI

Ingingo ya 3 :

Gukingura no kwimura farumasi igenewe kudandaza imiti cyangwa inzu icururizwamo imiti bisaba kubanza gutegura idosiye yuzuye isaba uruhushya ishyikirizwa Minisitiri ufite Ubuzima mu nshingano ze ufata icyemezo cyo gutanga urwo ruhushya amaze kubona umwanzuro wa Komite y'Igihugu Ishinzwe Ishyirwaho ry'Ibigo bicuruza imiti.

Ingingo ya 4 :

Iyo dosiye igomba kuba irimo ibi bikurikira :

1. Ibaruwa isaba uruhushya iriho umukono wa nyir'ikigo cyangwa w'umuntu wahawe uburenganzira bwo gukora mu izina ry'ikigo inyujijwe ku Mukuru w'Intara cyangwa w'Umujyi wa Kigali ;
2. Umwirondoro w'umufarumasiye ushinzwe icyo kigo cyangwa w'ushinzwe inzu icururizwamo imiti ;
3. Kopi y'impamyabumenyi y'umufarumasiye iriho umukono wa Noteri ;
4. Urupapuro rwujijwe neza rusaba uruhushya rugenwa na Minisitiri ufite Ubuzima mu nshingano ze ;
5. Kitansi yishyuriweho amafaranga agenwa na Minisitiri ufite Imari mu nshingano ze.

Ingingo ya 5:

Kuri Farumasi zose zitagenewe kwakira abantu (izitanga imiti zikorera mu bigo by'ubuzima rusange, byemewe cyangwa byigenga cyangwa bikorera mu bigo bya Leta cyangwa ibyigenga), idosiye ivugwa mu ngingo ibanziriza iyi igomba kandi kuba ikubiyemo inyandiko y'umuntu wahawe uburenganzira n'amategeko bwo gukora mu izina ry'ikigo, akiyemeza guha imiti abarwayi bavurirwa muri icyo kigo gusa.

Ingingo ya 6:

Iyo umufarumasiye akorera abandi, inyandiko isaba gufungura farumasi igomba guherekezwa n'icyemezo kigaragaza ubwo bufatanye cyitwa "Amasezerano mbonera y'ubufatanye" ariho umukono w'umufarumasiye n'uw'umuntu wemerewe n'amategeko gukora mu izina ry'icyo kigo.

Ingingo ya 7:

Gutanga amakuru y'ibinyoma bituma inyandiko isaba uruhushya itakirwa kandi, byaba ngombwa, iyo dosiye igashyikirizwa inzego z'ubutabera.

Ingingo ya 8:

Itariki idosiye yuzuye yakiriweho muri Minisitiri ifite Ubuzima mu nshingano zayo niyo igaragaza uko inyandiko zikurikirana.

Ibigomba kwitabwaho mbere mu gutanga impushya bikurikiza ubu buryo:

- 1° ku idosiye zisaba gukorera ahantu hamwe, isaba gufungura farumasi ihabwa agaciro mbere y'isaba gufungura inzu icururizwamo imiti;
- 2° Inyandiko y'uwasabye uruhushya mbere ku kigo kimwe yemejwe ko yakiriwe na Minisitiri ifite Ubuzima mu nshingano zayo.

Ingingo ya 9:

Uwahawe uruhushya ntarukoreshe mu mezi atandatu amenyeshejwe ko yaruhawe yamburwa uburenganzira bwo kurukoresha.

Ingingo ya 10:

Igenzura ribanza gukorwa na serivisi za Minisiteri ifite Ubuzima mu nshingano zayo riba mbere yo gutangira ibikorwa bya farumasi igenewe kudandaza imiti n'inzu icururizwamo imiti.

Serivisi zishinzwe igenzura zigomba kumenyesha uwasabye uruhushya icyemezo zafashe mu minsi itarenga cumi n'itanu.

UMUTWE WA III: IBISABWA N'UBURYO BWO GUKORERA MURI FARUMASI N'INZU ZICURURIZWAMO IMITI

Icyiciro cya mbere: Ibisabwa mu rwego rwa tekini

Ingingo ya 11:

Buri farumasi igenewe kudandaza imiti na buri nzu icururizwamo imiti bigomba gukora byujuje ibyangombwa mu rwego rwo kubungabunga ubuziranenge bw'imiti.

Gutegura, gusesengura, gupfunyika, kubika no gutanga imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi bigomba gukorwa n'abantu badafite indwara zandura.

Ingingo ya 12:

Ahakorerwa hagomba kuba harangwa isuku ihagije kandi hagenewe gusa ibikorwa bijyanye na farumasi.

Ahabikwa imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi hagomba kuba hatandukanye n'ahabikwa cyangwa hatunganyirizwa imiti ishobora guhumanya. Iyo miti ihumanya igomba kubikwa hakurikijwe amabwiriza mpuzamahanga yihariye.

Ingingo ya 13:

Hagomba gufatwa ingamba zose zikenewe kugira ngo abakozi b'ikigo gicuruza imiti bataba bakwanduzwa no gukora ku miti cyangwa ibindi bintu bishobora guhumanya, guteza impanuka cyangwa kwica.

Ingingo ya 14:

Amabwiriza rusange yerekeye isuku n'umutekano w'ahakorerwa akazi yubahirizwa no ku ma farumasi adandaza imiti kimwe no ku nzu zicururizwamo imiti.

Icyiciro cya II: Gusimbura, kwegurira undi muntu, gusubukura imirimo no kwimuka

Ingingo ya 15:

Farumasi igenewe kudandaza imiti cyangwa inzu icururizwamo imiti ntibishobora gukingura ubishinzwe adahari cyeretse iyo yagennye undi umusimbura wemewe na Minisitiri ufite Ubuzima mu nshingano ze.

Iyo ushinzwe farumasi adahari agomba kubimenyeshya Minisitiri ufite Ubuzima mu nshingano ze; iyo nyandiko ibimumenyeshya igaherekezwa n'ibaruwa yanditswe n'umusimbura yishingira kuzakora neza akazi mu gihe asimbuye ushinzwe farumasi.

Ingingo ya 16:

Iyo nyiri farumasi igenewe kudandaza imiti cyangwa inzu icururizwamo imiti apfuye, abamuzungura bashobora guhabwa uruhushya na Minisitiri ufite Ubuzima mu nshingano ze bwo kureka farumasi cyangwa inzu icururizwamo imiti igakomeza gukora mu gihe cy'amezi cumi n'abiri uhereye umunsi yapfiriyeho.

Iyo icyo gihe kirenze, farumasi cyangwa inzu icururizwamo imiti bigomba kwegurirwa undi muntu cyangwa bigafungwa.

Ingingo ya 17:

Gusubukura imirimo cyangwa kwegurira undi muntu farumasi cyangwa inzu icururizwamo imiti bigomba uruhushya rwa Minisitiri ufite Ubuzima mu nshingano ze hakurikijwe ibivugwa mu ngingo ya 6 y'itegeko n° 12/99 ryo kuwa 2 Nyakanga 1999 ryerekeye ubuhanga mu by'imiti.

Uruhushya rwa farumasi idandaza imiti cyangwa urw'inzu icururizwamo imiti yeguriwe undi muntu ruta agaciro.

Ingingo ya 18:

Kwimura farumasi idandaza imiti cyangwa inzu icururizwamo imiti bikorwa gusa iyo bitabangamiye imitangire isanzwe y'imiti ku bantu basanzwe baturiyeye akarere farumasi isanzwe ikoreramo.

Ingingo ya 19:

Kwimura by'agateganyo bishobora kwemerwa na Minisitiri ufite Ubuzima mu nshingano ze mu gihe cy'ukwezi kugira ngo hashyirwe mu bikorwa imirimo igamije kunoza imitunganyirize ya farumasi idandaza imiti cyangwa inzu icururizwamo imiti. Iryo yimura ry'agateganyo ntirishobora kurenga metero 150 kandi ryongererwa igihe incuro imwe gusa.

Kwimura farumasi idandaza imiti cyangwa inzu icururizwamo imiti bigomba gutangirwa uruhushya na Minisitiri ufite Ubuzima mu nshingano ze amaze kugisha inama Komite y'Igihugu ishinzwe ishyirwaho ry'ibigo bicuruza imiti.

Ingingo ya 20:

Idosiye isaba kwimura ikigo gicuruza imiti igomba kuba irimo ibaruwa iherekejwe n'inyandiko zisobanura impamvu zo kwimura icyo kigo na kopi y'uruhushya rwo gukora imirimo yo gucuruza imiti.

Ingingo ya 21:

Buri farumasi idandaza imiti cyangwa inzu icururizwamo imiti isubukuye ibikorwa byayo ntishobora guhindura aho yakoreraga cyeretse yubahirije ibikubiye muri iri teka.

UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 22:

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranye naryo zivanyweho.

Ingingo ya 23:

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 03 Gicurasi 2005

**Minisitiri w'Ubuzima
Dr. NTAWUKULILYAYO Jean Damascène**

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

**Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda**